Rwamagana, kuwa....30 JAN 2017
N°...340...../07.05.01

REPUBULIKA Y'U RWANDA

OFFICE OF NGOMA DISTRICT COUNCIL
RECEIVED ON: 31/01/2017
REFERENCE:........................
SIGNATURE:........................

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

**Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma**
**NGOMA**

**Impamvu: Imyanzuro y'Inama isanzwe yo kuwa 13/01/2017**

Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku myanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 13/01/2017 yangezeho kuwa 17/01/2017;

Ndabashimira imyanzuro mwafashe, nkaba mbasaba ko mwatangira kuyishyira mu bikorwa.

Ku kibazo cya UWINGABIYE Christine, ndajya inama ko mu gihe agishakirwa undi mwanya wa A2 yujujeho ibisabwa yahabwa ibyo agenerwa n'amategeko uhereye ku munsi wa 31 ari muri uwo mwanya by'agateganyo, hashingiwe ku ngingo ya 60 y'itegeko N° 86/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga Abakozi ba Leta.

Mugire imirimo myiza.

**KAZAIRE Judith**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**BIMENYESHEJWE:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma;
  **NGOMA**

**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**Ngoma, kuwa 16 /01/2017**
**N°Réf.NJY/004/07.05.06**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA NGOMA**
**INAMA NJYANAMA**
**Email: disconcilngoma**

Eastern Province
For reception
17 JAN 2017

OFFICE OF THE MAYOR
NGOMA DISTRICT
RECEIVED ON: Ce 18/01/2017
REFERENCE:
SIGNATURE:

Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba
**RWAMAGANA.**

**IMPAMVU :** Kohereza imyanzuro y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa **13/01/2017**.

Madamu Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbohérereze ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa **13/01/2017**. Ku mugereka murahasanga:

- Inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 30/11/2016
- Amabwiriza y'imiturire mu nkengero z'umujyi wa Kibungo

Mbaye mbashimiye uburyo muyakira.

P.O Dr KANYOBANA Madhowalen

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma

**BIMENYESHEJWE**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI.**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma

# IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KU WA 13/01/2017

Kuwa gatanu tariki ya **13/01/2017**, guhera i saa tatu n'igice **(09h30)** za mu gitondo , mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Ngoma , habereye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ; iyobowe na Perezida wayo Bwana **BANAMWANA Bernard** . Yitabiriwe n'Abajyanama 25/29. Abajyanama basabye uruhushya ni :

1. Madamu UWINGABIRE Fausca
2. Bwana RWIRIRIZA J.M.V
3. Madamu ISINGIZWE Aline
4. Bwana RUKUNDO Gulain

**Ku murongo w'Ibyigwa hari:**

1. Gusoma, gusesengura no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 30/11/2016
2. Kurebera hamwe ibyavuye mu nama y'Abaperezida yo ku wa 12/01/2017.

## I. Ingingo ya mbere: Gusoma , gusesengura no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 30/11/2016

1. Nyuma yo gusoma , gusesengura no gukorera ubugororangingo inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 30/11/2016, abari mu nama bayemeje.

## II.Ingingo ya kabiri: Kurebera hamwe ibyavuye mu nama y'Abaperezida yo ku wa 12/01/2017

**2.** Abari mu nama bagarutse ku kibazo cy' abakozi bajuririye amanota bahawe mu isuzumamikorere bakorewe ku rwego rwa kabiri aribo SIBOMANA J Bosco : PRO (Umukozi ushinzwe gutsura umubano, itangazamakuru n'Itumanaho ) na BUSHAYIJA Francis : S/E ( Umunyamabanga Nshimgwabikorwa w'Umurenge wa Kazo).
SIBOMANA J.Bosco ku rwego rwa kabiri yari yahawe amanota 75,8% naho BUSHAYIJA Francis ahabwa 77,8%.
Amanota atarabashimishije yo ku rwego rwa II, niyo bajuririye bituma Abajyanama bafata umwanzuro wo kuyakurikirana ngo babarenganure nk'uko babisabaga.

Abagize Inama Njyanama y'Akarere bagize ibyo bashingiraho mu gukurikirana amanota yahawe aba bakozi aribyo ibi:

- Ibyo urwego rw'Akarere rwatanze amanota yo ku rwego rwa II;
- Amategeko agenga umurimo n'ifishi itangirwaho amanota yagenwe na MIFOTRA ;
- Imihigo umukozi yahize n'ikigereranyo cy'uko yayesheje ;

Ibyo byose byagenzuwe byatumye abakozi bajuriye babona amanota ku buryo bukurikira: **SIBOMANA J.Bosco** yahawe amanota **79,2%** ; **BUSHAYIJA Francis** ahabwa **86,3%.**

Ni muri urwo rwego Inama Njyanama yagaragazaga ibyashingiweho kugirango umwanzuro udateza urujijo rw'uko byaba byarakozwe hadakurikijwe amategeko .

3. Ku ibaruwa **UWINGABIRE Dativa** wo mu Murenge wa Gashanda yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa kuko kuwa 23/11/2016 yahawe ibaruwa imuha akazi by'agateganyo ku mwanya wa secretary & customer care mu Murenge wa Mutenderi, hanyuma kuwa 01/12/2016 ahabwa indi baruwa n'Akarere kayitesha agaciro, hashingiwe ku biteganywa na Sitati rusange igenga abakozi ba leta igira iti " *umukozi wa Leta wemerewe guhagarika akazi mu gihe kitazwi yongera kugira uburenganzira bwo gusubira mu bakozi ba leta nyuma y'imyaka itatu'.*'hashingiwe ko UWINGABIRE Dativa yari amaze umwaka n'amezi umunani asezeye ku kazi , abari mu nama bemeje ko atarenganijwe.

4. Nyuma yo gusuzuma amabwiriza agenga imyubakire mu nkengero z'Umujyi wa Ngoma , abari mu nama bayemeje.

5. Nyuma yo gusuzuma Raporo y'igenagaciro ku butaka n'ibikorwa by'ahazubakwa Sitade y'Akarere ka Ngoma; na nyuma y'aho ubuyobozi bw'Akarere bwumvikanye bukanemeranywa na ba nyir'ubwo butaka ; Inama Njyanama yemeje ingurane y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni Magana abiri (200.000.000frw); ku butaka bungana na 4ha 57a na 94 ca buherereye mu Murenge wa Kibungo Akagari ka Cyasemakamba Umudugudu wa Rubimba buzubakwaho sitade .

6. Ku ibaruwa yanditswe na HABYARIMANA Juvenal n'iyanditswe na NZIGIYIMANA Jean De Dieu bo mu Murenge wa Zaza Akagari ka Nyagasozi Umudugudu wa Kabeza basaba gutizwa ubutaka buri mu nkengero z'ikiyaga cya Mugesera bwo gukomeza guhingamo imboga n'imbuto nk'uko basanzwe babihahinga, abari mu nama bemeje ko batabuhabwa kuko mu rwego rwo kurengera ibidukikije bitemewe guhinga iruhande rw'ikiyaga nk'uko bigenwa n'amategeko.

7. Hashingiwe ku ibaruwa Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba kwemeza ahashyirwa irimbi rusange hangana na 4 ha mu Murenge wa Kibungo mu Kagari ka Gahima umudugudu wa Karenge, abari mu nama bashyigikiye icyo cyifuzo; bemeza ko hatunganywa abagiye gushyingura bagashyingura bitababgoye.

Abari mu nama kandi bemeje ko hashyirwaho irimbi muri buri Murenge hakanashyirwaho amabwiriza ayagenga.

8. Ku ibaruwa MUKARWEGO Esperence wo mu Murenge wa Zaza Akagari ka Ruhembe Umudugudu w'Ituze yandikiye Inama Njyanama asaba ingurane y'ubutaka bwe bwubatswemo isoko rya Zaza, hashingiwe kuri raporo y'Abajyanama bari kumwe n'umukozi w'Akarere ushinzwe ubutaka ndetse n'abatangabuhamya , abari mu nama basanze icyo kibazo agihuriyeho n'umuhungu we BAJENEZA Damascene uhafite ubutaka bungana na m 5/m30, MURENZI Jean de Dieu uhafite m 38.2/m30 na HITIMANA uhafite m 53.5/m5 . Abari mu nama bemeje ko nyuma y'uko abagenagaciro bazagenera ubwo butaka agaciro , Akarere kazabaha ingurane.

9. Ku ibaruwa MUGEMA Leandre wo mu Murenge wa Kibungo yandikiye Inama Njyanama asaba gusonerwa umusoro w'ubutaka ( ibibanza bibiri), abari mu nama bemeje ko atasonerwa kandi uyu mwanzuro ukaba ugomba gufatwa no ku bandi bose bavuga ko badashoboye gusorera ubutaka bwabo kuko Leta yashyizeho gahunda zitandukanye zo kubafasha kwikura mu bukene no kwigira .

10. Ku ibaruwa UWINGABIYE Christine umukozi wa Farumasi y'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa agahemberwa A0, abari mu nama bemeje ko kuri icyo kibazo hashyirwa mu bikorwa umwanzuro wari wafashwe n'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 24/01/2014 wavugaga ko uwo mwanya washyirwa ku isoko . Abari mu nama bemeje ko bitarenze amezi atatu yashakirwa undi mwanya wa A2 yujujeho ibisabwa , ariko mu gihe ugishakwa akandikirwa ahabwa ibaruwa yo gukora kuri uwo mwanya by'agateganyo .

11. Hashingiwe kuri raporo y'ubugenzuzi bwakorewe ibigo bitandukanye by'Akarere ka Ngoma , abari mu nama bemeje ibi bikurikira;
    - Komite Ngenzuzi (Audit Committee) yajya itumiza Abayobozi b'ibigo byagararaweho amakosa bakisobanura;
    - Ibigo byagaragayemo imicungire mibi; abayagize mo uruhare bakajya babiryozwa; hagakurikizwa ibyo amategeko ateganya .

12. Ku bijyanye n'ibaruwa RURANGWA Calixte yandikiye Inama Njyanama asaba gutizwa ibigazi bihinze mu Murenge wa Rukumberi, abari mu nama bemeje ko atabihabwa kuko byatewe n'Umushinga wa ALAMET ifaranyije na Leta. Inama Njyanama yemeje ko Akarere kazashaka uburyo kabibyaza umusaruro.

13. Abari mu nama bagejejweho raporo y'inama nyunguranabitekerezo Abajyanama bagize Komisiyo y'Imibereho Myiza bagiranye n'abakozi b'Akarere bo mu ishami ry'Imibereho

Myiza ndetse n'abafatanyabikorwa batandukanye mu rwego rwo kuzamura imibereho y'abaturage bahereye ku byagaragajwe na raporo ya EICV IV.

Inama yasoje imirimo yayo i saa sita n'igice , Umuyobozi wayo ashimira abayitabiriye.

**Bikorewe i Ngoma kuwa 13/01/2017**

**Umwanditsi w'inama:**

**MUKANKURANGA Beatrice**

Umunyamabanga w'Inama

Njyanama y'Akarere ka Ngoma

**Umuyobozi w'inama:**

P.O Dr KANOBANA N

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w'Inama Njyanama

y'Akarere ka Ngoma

URUTONDE RW'ABAJYANAMA B'AKARERE KA NGOMA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YO KUWA 13/01/2017

| No | AMAZINA | UMURENGE | Tel. | UMUKONO |
| --- | --- | --- | --- | --- |
| 1 | Dr KANOBANA M | SAKE | 0788413212 | [signature] |
| 2 | KARIMIRE Justus | Kibungo | 0788830923 | [signature] |
| 3. | MUGISHA Alphonse | REMERA | 0783716454 | [signature] |
| 4. | MUGABANEZA F. Thierry | RUKERERE | 0788430785 | [signature] |
| 5 | MUKARUTESI Chantal | KIBUNGO | 0788467995 | [signature] |
| 6 | UMUHIRE M. Providence | SAKE | 0788630377 | [signature] |
| 7 | KAYITESI Faustine | Karembo | 0788770511 | [signature] |
| 8. | MUSABWASONI M. Sandra | ZAZA | 0788541285 | [signature] |
| 9 | KABANYANA Candide | RUKUMBERI | 0788338779 | [signature] |
| 10 | MUKANDANGA Marie | JARAMA | 0783341022 | [signature] |
| 11 | SINAYOBYE Vincent | Murama | 0783307676 | [signature] |
| 12. | Gasana J. de Dieu | Murama | 0788524525 | [signature] |
| 13 | KIMENYI Martin | KAZO | 0733349451 | [signature] |
| 14. | HAKIZIMANA Augustin | KIBUNGO | 0788604376 | [signature] |
| 15. | Mukanyandwi Pelagie | MUGESERA | 0788605220 | [signature] |
| 16 | KAMANZI John | MUTENDERI | 0788643526 | [signature] |
| 17 | HATEGEKIMANA Fred | Murama | 0788545864 | [signature] |
| 18 | Nshimirimana Nambaje | Kibungo | 0786859411 | [signature] |
| 19. | Ephrem MUSONERA | MUGESERA | 0788389677 | [signature] |
| 20 | Dr. NAMANYA William | RUKUMBERI | 0788690481 | [signature] |
| 21. | KIRENGA Providence | KAZO | 0788562953 | [signature] |
| 22 | Mulisa Ladislas | Karembo | 0788665751 | [signature] |
| 23 | MUKANKURANGA Béatrice | Kibungo | 0788457849 | [signature] |
| 24 | Banamwana Bernard | ZAZA | 0787310705 | [signature] |
| 25 | Mwiza Nadège | ZAZA | 0788313363 | [signature] |

**URUTONDE RW'ABAJYANAMA B'AKARERE KA NGOMA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YO KUWA 13/01/2017**

| No | AMAZINA | UMURENGE | Tel. | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Dr KANOBANA M | SAKE | 0788413212 | [signature] |
| 2 | KAZIMIRE Juvens | KIBUNGO | 0788830923 | [signature] |
| 3. | MUGISHA Narcisse | REMERA | 0783716454 | [signature] |
| 4. | MUGABANZA F. Thierry | RUKIRA | 0788430785 | [signature] |
| 5 | MUKARUTESI Chantal | KIBUNGO | 0788467995 | [signature] |
| 6 | UMUHIRE M. Providence | SAKE | 0788630377 | [signature] |
| 7 | ICAYITESI Faustine | Karembo | 0788770821 | [signature] |
| 8. | MUSABWASONI M. G. Sandra | ZAZA | 0788541285 | [signature] |
| 9 | KABANYANA Candide | RUKUMBERI | 0783338779 | [signature] |
| 10 | MUKANDANGA Marie | JARAMA | 0783341022 | [signature] |
| 11 | SINAYOBYE Innocent | Murama | 0783307676 | [signature] |
| 12. | Gasana J. de Dieu | Murama | 0788524525 | [signature] |
| 13 | KIMENYI Martin | KAZO | 0788849461 | [signature] |
| 14. | HAKIZIMANA Augustin | KIBUNGO | 0788604376 | [signature] |
| 15. | MUKANKURIZA Pélagie | MUGESERA | 0788605220 | [signature] |
| 16 | KAMANZI John | MUTENDERI | 0788643526 | [signature] |
| 17 | HATEGEKIMANA Fred | Murama | 0788545864 | [signature] |
| 18 | Nshimiyimana Nawsaje | Kibungo | 0786859411 | [signature] |
| 19. | Ephrem MUTONERA | MUGESERA | 0788389677 | [signature] |
| 20 | DR. NAMANYA William | RUKUMBERI | 0788690461 | [signature] |
| 21. | KIRENGA Providence | KAZO | 0788562953 | [signature] |
| 22 | Mulisa Ladislas | Karembo | 0788665751 | [signature] |
| 23 | MUKANKURANGA Béatrice | Kibungo | 0788457849 | [signature] |
| 24 | Bamurebana Bernard | ZAZA | 0787310705 | [signature] |
| 25 | Muriza Nadège | ZAZA | 0782831536 | [signature] |